

U Rwanda rwa Gasabo rurabatashya

Alexandre Kimenyi

I

Banyarwanda tubana mu mahanga
Urwa Gihanga cyahanze inka n'ingoma
Rwantumye ngo nintaha mbatashye
Abakirukunze rurabakumbuye
N'abasize bakoze ishyano
Bakarushyira ahaga ari ho mu kaga
Bakaba barorongotana mu mashyamba
Ngo nta mpamvu yo kuguma ishyanga
Abaruvunnye rugeze mu mahina
Bagatereranwa n'ubutegetsi
Bagashyirwa hanze kubera ishyari
Bakaba bavunikira mu mahanga
Ntibakwiye kuruha uwa Kavuna.

Rwabajije ziriya ndege rutemikirere
Hamwe n'amato bita meri
Niba bishobora kurutwara
Ngo rusohoke rusure abana
Igisubizo cyajeze mu kirere
Ibirenge bihera mu kirambi
Ariko na za ambasade nazo ziba kabambe
Kuruha viza ntizibishyigikiye
Zikeka ko gusura no gusuhuza ari urwitwazo
Kubera ko kuba rwarasahuwe rugasuharerwa
Ntirushyiguke ngo ruve ku ishyiga
Nirusohoka rushobora gusuhuka
Zitinya ko ngo nirushyika iwabo
Rugakomerwa amashyi rukakiranwa igishyika
Abarutumiye bagashyitura bagashyidika
Rukota igishyito ngo rukire umushyitsi
Ko ruzageraho rugashima ubushyitsi
Kandi amashyo yaho yo kurukamira adashyitse.

II

Aho mwarusize murahazi
Ndabona harenga iwa Ndabaga
Igihirahiro cyangwa iheruheru
Rwari rwahekuwe urubyaro
Rwarakokowe amaboko
Imisonga irumunga ingingo zose ndetse n'umugongo
Umubiri wose ari ibikomere
Kubera amapiki n'imipanga
Umubyimba ari ibibyimba
By'amahiri n'imihoro
Ahahoze amatungo ari amatungo
Imirambi yose irambitsemo imirambo
Y'abazize ziriya ntindi ziinterahamwe
N'ingabo ziyitaga inzirabwoba
Kandi ubwoba ari bwo buziranga
Zirata ubwoko nkaho ari bwo bwonko
Zatorotse zirworetse
Amaguru ziyabangiye ingata
Ngo inkogoto z'inkotanyi zitazihasangana
Ziruka zisiganwa nk'ingarisi
Zishorewe na Bagosora
Aho kwikosora wagiye yigosora
Yiyesa yisihenga
Akubita agatoki ku kandi
Yijujuta yitotomba
Amaso ari ibishirira
Yarunguriwe yarubiye
Umujinya wasumbye ijosi
Yijimye kurusha ijoro
Nk'uko ikinani kisasiye abatutsi
Bagosora nawe abanyarwanda abagira ingwate
Yigira ingwe y'ijanja
Abahungana ku gahato abahungabanya
Izuba rimaze kurasa
Abadasa nawe arabarasa
Abo bicanyi bahunze
Basize inyuma imbwa n'imbwebwe
Izi nyamaswa ziridagadura
Zitambagira igihugu zikambagira
Zirya abatutsi zigwa ivutu
Inda ziratumba umubiri uratumbagana
Inkongoro zirazisanga zisinda inkaba
Maze zirabyibuha zirabyimbagana
Aho inka zabyagiraga zirahabyiganira

Ahari zitegereje ko hari uzibyukurutsa
Nguko uko igihugu mugisheruka
Abahemu bamaze kugihutaza no kugihungabanya.

III

Uko rwazamutse imanga bari baruhiritseho
Ibintu bikibaranga na n'ubu ni amabanga
Ntawe ushobora kumanyuraho n'ibango
Ubu barwomoye ibikomere
Bararwondoye rurandara
Ibibondo biruhereza ikibando rukabandanya
Mu burembe bwarwo rukirambura
Rugasohoka rumaze gusokoza
Rugasodoka rugasindagira
Rwifashe mu kagongo rwububa
Barurandase batinya ko nirurangara
Rwatsikira rugatsitara
Rukamera nk'igitambambuga rugatamba.
Rwo ibyo kugwa ntirubikangwa
Kuko ruzi ko uko umugabo aguye atari ko ameneka
Rurataguza rukagera ku irembo rirembera
Kandi rwazinduwe no kuvumba izuba
Rwagera hariya ku muhariro
Rukihina rugasambira agasambi
Ko kwirambikaho ngo rurambure amaguru
Ariko guhaguruka rumaze kuhaharurukwa
Ngo rutere intambwe rusubire mu nyumba
Rurinyagambura imbaraga zikaba nke
Mbese bikanga bikaba intambara
Kubera gucumbagira rugasaba icumbi

Abashyuhaguzwa bashyugumbwa barutega iminsi
Baribeshya kuko uko iminsi yicuma rugarura agatege
Mutegerenze mutekereze mukibuka amateka
Mukareba iteka ukuntu umutekano wateterejwe
N'ingoma ngome zagiye zikurikirana
Zirangwa n'amategeko atoteza atereye ku matiriganya
Rwagiye ruzamba ariko rukazuka
Rukazanzamuka rukazamuka
Ubu ho hari ibimenyetso
Ko rwiyejeje kwiyama ako kamenyero.
Mwibuke ibyo rwanyuzemo
Igihe Abanyoro barunyagaga inyana n'inyambo
Uko rwishwe n'Abanyabyinshi bishe Ndahiro
Abashumba ntibabe bakidahira

Mbere ko rugarura indoro
Ruganzu Ndori abundutse i Karangwe k'Abahinda
Abaruhindanyije bagahinda umushyitsi
Bumvise ahindukiye
Ntihaciye kabiri Kabare na Muhigirwa barahiganwa
Umwe asanga ko Musinga asimbura Rwabugiri
Undi abona ko ingabo zirinda Rutarindwa
Zirindira ko yima ingoma nk'uko se yasize abiraze
Ingabo mu mpande zombi ziva mu birindiro
Zitana muri yombi
Zirarasana amaraso arisesa
Ubwo biba biracitse
Ku Rucunshu inshuti zibura inshuke
Ni bwo abazungu bazindutse bazunguruka Afurika
Bakaza bakaruzengereza
Umwami Musinga bamucira i Kamembe nk'aho arwaye ibibembe
Mutara Rudahigwa agwa i Bujumbura imburangihe
Bihutira kwimika Parimehutu
Ifite gahunda ngo yo guhindura ibintu
N'imigambi mibisha y'ubugambanyi
N'urugomo rurenze ubugome
Barihanukira bahanika ngo Abatutsi ni abavamahanga
Bagomba gufata amasinde bagasubira Abisiniya
Amashashi aho gushoka no kuyashitura bayakubita amashoka
Inka ziraswa amacumu zitarigeze zicumura
Barazitema nk'utema ibiti
Ngizo inkongi mu ngo z'abatutsi
Izina umututsi mu Rwanda riba igitutsi
Kiliziya yigisha ko kwica umututsi kitazira
Ngo ni abakomunisiti bagomba gushyirwa kuri lisiti
Kubica bihabwa umugisha
Ni bwo bahinduwe inzoka zihondwa
Uwihagiye inzoga akabamena agahanga
Bakwira imishwaro bambaye ibishwange
Abatahasize agahanga bomangana mu mahanga
Nyanza nziza yo mu Busanza
Irambitsemo iriya mirenge idaca ibirenge
Ndavuga Urwesero n'Urukari
I Mwima na Mushirarungu
Umugonzi n'Agatsinsino
Ingorongari ugana Isonga
Agasoro na Mutende
Kavumu ureba Gacu
Mugandamure mu baswayire
N'Ihanika y'abaporoso
Inyagwa izina yitwa Nyabisindu

Ubwo amahoro aba arahungabanijwe
Izo mpumyi mu bugome bwazo
Bwo no kutagirira impuhwe impinja
Ntizagira impungenge ko kurema impunzi
Bizavamo impamvu y'impundika mbi
Muri uko kwihutira mu mahugu
Kayibanda ubwo igihugu aba aragihuhuye mbere yo kugihirika
Abanze kwicuza ko banze kwica
Bata umurongo babata hanze
Nayigiziki umuyobozi wa Concordia arabizira
Gitera cy'Aporosama
Bavuga ko yivugaga mu cyivugo avuga ngo
Ndi « Gitera cyateye imfura agahinda »
Ari nawe bateruriyeho ya mvugo igira iti
« Aho kwica Gitera ujye ubaza ikibimutera »
Ategeka ko bamuterera muri yombi.
Ibirongozi bya pariti bitangira kurogana
Max Niyonzima na Rwasibo basubiranamo
Uwari wabaroze koko ntiyakarabye
Umunyamakuru Semusambi wa hariya i Musambira
Arabisakaza birasesekara birasakuzwa
Akizwa n'amaguru
Bagiye kumusumira asimbuka Rusumo.

Muvoma ubwo iravutse
Ivudukana ivogonyo
Iza ihitana imivumu
Ivugana ivata
Ivuga amahomvu n'amateshwa
Uvuze ikamwivugana
Kuvangura ibigira ivanjiiri
Abanyarwanda ibita « milita »
Abavuga igifaransa bavuga ko iryo zina
Rivuga « kubita »
Ikomeza irondakoko yongeraho irondakarere
Uko kurenganya ikwita iringaniza
Abadaturuka i Bushiru bagirwa ababisha bagomba gushira
Abahutu b'i Nduga ibarega ko bihinduje
Igeze i Gitarama iratarama
Si ukwivuga iravugiriza
Abahutu b'aho nabo irabahutaza irabahohotera
Irabagota irababoha irabahotora
Abahugutse irabashya barahangayika
Abacuruzi ibacura inkumbi ibacuza ibyabo.
Abacuranzi barabacurangura babura ababacungura
Abaririmbyi, abarimbyi n'abahimbyi barabarimbura

Ibintu mu Nduga mu Ndara no mu Ndiza biradogera
U Rwanda irarwandarika rurandura
Umwanda wanduza igihugu cyose
Padiri Siliviyo Sindambiwe mbere ko bamugongesha igikamyo
Bakamumena umugongo
Barunda indobo mo amazirantoki
Bagiye kuyamutera arayitaza
Padiri Muvara mbere ko yicwa muri jenocide
Vatikani igiye kumugira musenyeri
Uwitwa Vinsenti Nsengiyumva
Wari musenyeri mukuru akaba n'igishenyererwa muri Muvoma
Byaramushenguye amwita umushenzi
Aramusebya amuharabika avuga ngo afite ihabara
Ry'imaraya yabyayeho ikinyendaro
Amutoteza amuziza ubwoko
Igihe abiswe ibyityo babarundarunze bakabashyira muri sitade
Hari abamutakiye batakamba
Bati ko ufite ububasha n'ubushobozi
Ntiwarengera bariya bantu ko barengana
Ko atari abapagani harimo n'abapadiri
Abasubizanya agasuzuguro
Ngo ziriya mbwa z'abatutsi nizigende zipfe nk'abandi
Ku muni w'ubunani
Nawe ngo abaye umuntu agize ubuntu
Yiha guteta nabi
Atekesha inka yose uko yakabaye
Yuzuye amasase n'amaganga
Ifite ibinono n'amahembe
Hamwe n'ubwoya n'umurizo
Ngo ngiryo ifunguro mumpere ziriya mfungwa
Mwumve ibikorwa by'uvuga ko yihaye Imana
Ubwo Habyarimana aba ikigirwamana
Yigira ikinani cyananiranye kikananira n'abakijyira inama
Igihugu gihatirwa guhiganwa kumuhundaho ibihozo
Batangira ibyo bita animasiyo
Abantu bakazinduka mu museso
Basigana kujya muri iyo rwaserera
Bakamuramya bararamye amaboko bayacugusa mu kirere
Baririmba « Ramba, ramba, sugira sagamba, turagushyikiye »
Nguko uko Parimehutu na Muvoma byadukanye umuvumo
Igihugu bikagisiga ibara
U Rwanda bikarworeka
Bikaba Gashubi bigakoma Rutenderi.

IV

Abarambije mutegereje amakuru ntimurambirwe
Ndarondora amateka y'igihugu sindondogora
Sinyashyira ku rutonde ngo nyatondagure
Kuko nanjye ashobora kuntonda
Sinyatsimbararaho ngo nyatsindagire
Nzi ko mufite amatsiko
Gusubiza amaso inyuma
Unyura mu byago bihangana n'urwa Gihanga
Nimwihangane si uburangare
Cyangwa kurandaga no kurindagira
Ahubwo niba dushaka guhanagura burundu
Ubwandu bwarwanduje uruhanga
Bukarwambura uburanga
Kandi rwarigeze kogerera mu mahanga
Guhora dusubira mu mateka
Tugomba kubihindura umuhango
Abahanga n'abahanzi bakabinywera igihango
Aya mateka mvuze nyavunaguye
Nyatanze ndakabya cyangwa ngo nsebye nanyoye isubyo.

Urugendo nari maze iminsi ndusunika ndusubika
Nkongera ngasubira nkarucumbika
Ntegereje ko indagu igena igihe nzuririra indege
Menya ko uyu mwaka utarimo umwaku
Ko Kamena ari yo izaba ukwezi kw'imena
Igeze hagati nyirara ku rubaba
Mu gitondo cya kare indege itondagira ijuru iratumbagira
Tugeze mu kirere
Turenze akarere k'Amerika
Yicarika amababa
Inda iyirambika ku muyaga
Turenga ingezi ndende zitari nke
Muri ibyo bicu ihacana amacenga
Hejuru y'ibisi byinshi ku isi
Igisiga kihakina isibo
Kandi kibisikana n'ibindi bisisibikana
Kiruka amasigamana byose kirabisiga
Muri iyo mihanda aho inkuba zihinda
Kirabisunika birakibisa kibyereka igihandure
Isaa sita twari dusesekaye i Kanombe.

Ubu u Rwanda ni nyabagendwa
Indege zigwa i Kanombe
Ziba ziturutse impande zose

Zirimo ibikomangoma n'ibikomerezwa
Ziba zibisikana buri saha
Mototagisi za bisi n'imodokari
Ubona mu mabarabara ntiwazibara
Ariko i Kigali nta gari rikiharangwa.

Kigali yarushijeho kuba ngari
Kandi igwiriye ingo zifite urugwiro
Zigusanganira ukisanga
Zitagora zigushyira igorora
Iyo ushyitseyo uri umushyitsi
Zose zakuranwa kukwakira
N'abatakuzi baragutumira
Bakazimana batizigama
Mugatarama bigashyira kera
Mugaseka mugasamara
N'urwenya ruzira urwango
Kugeza mu rwanaga cyangwa mu rukerera
Ubuntu n'ubupfura bwabo ni urukerereza.

Ituwe n'abantu baturuka henshi
Abakene sinzi aho bagiye
Hari isuku ituma hasurwa
Abafite amafaranga barafurashye
Barusha ahandi hose kubaho neza
Bafite ibinezaneza n'umunezero
Nta kintu kibadindiza
Baridagadura badamaraye mu mudendenzo
Muri kaburimbo ikabije umurimbo
Harya i Gakondo ntihakiba urwondo
Rya vumbi bararivumbitse
Abakungu bafite ababakungutira umukungugu
Na ya mihora yahindutse imihanda
Ibihandazobu ntibiharangwa
Za bistro, za resitora na za bare
Zifite burusheti zishotora
Izo nyama uzimanuza byeri iryoshye cyane
Ndavuga Primus, Amstel cyangwa Heineken
Mitsingi yo ndayitsinda
Ariko sinzi igituma nyivuze kandi nzayivumba
N'iyiyo haba haramutse umuvumbi
Mu mata bafite inshushyu n'ikivuguto
Kivuruzwe neza unywa ukavugishwa
Hari na za soda z'amoko menshi
Ubwinshi bw'ibinyobwa bwo ndabwumva
Kuba hari izihagije banywa bagahaga

Hari buraseri ya Bralirwa ku Gisenyi
N'uruganda rwitwa Inyange
Boroshete aho zituruka simpazi
Nahuye n'iki kibazo kimbera ihurizo
Si ukwijijisha sindi inyanjwa cyangwa injajwa
Byambereye urujijo
Narebye mu bikoni no ku maziko
Mbona mushikaki zotswa buri munsu
Zitari munsu ya miliyoni
Naratembereye ntambagira igihugu cyose
Nshaka kumenya aho ziva
Nsanga izizibyara zarokotse nazo zaratorotse
Niba zijya guhahwa mu mahanga
Kandi rimwe na rimwe haba amahane
Tukibuka ko n'ak'imuhana kaza imvura ihise
Ukuntu abantu bazishagara bashishikaye
Nitudashishoza
Mu mwanya muto nta gushidikanya
Zizaba zadushiranye
Mbona ari igihe cyo kurondera kurondereza
Naho ubundi abantu bwacya bashira
Bazize ubworo cyangwa bwaki.

Iyo mihana koko ni ihanika
Ifite amazu y'inganzamarumbu
N'amarembo arambuye
Arumbaraye ku misozi yari irumbutse
Bituma hatabaho ibirumbo n'umururumba
Uyabona i Gatenga i Remera i Gikondo na Nyamirambo
Ku Kabeza no ku Kacyiru
I Cyicukiro, i Kiyovu, i Kibagabaga, i Kimihurura, n'i Kimironko
Za Rebero, Gacuriro, na Nyarutarama
Cyakora imihanda ibuze amazina
N'amazu ntagira numero
Abatahazi baratana bagatakara
Abantu barayoba bikagora kubayobora
Iyubakwa nirikomeza uyu murego
Kigali izagera i Nyamata n'i Kabuga
Cyangwa ikwire Kigali ngari
Ngo nta bwiza butagira inenge
Inama imwe gusa ntanga
Kuko ku byiza byose ntacyo nenga
Ni uko kubaka kijyejuru byaba intego
Inzu z'amagorofa zigororotse zigaragara

Zitagaye ngo zitware ubugari.
Abatware b'izindi ntara nibakomeza aya matwara
Bakabona ko amajyambere
Ari ugushyira amazu manini imbere
Abantu nibatitonda
Mu gitondo bazava mu gitanda
Basange nta mutungo nta matungo
Kubera kutagira aho guhinga n'aho zirisha.

Intara y'iburasirazuba nayo iriho iragarura ubuyanja
Inzira nyinshi nziza unyuramo ziranyaruka
Ujya i Kagitumba cyangwa ku Rusumo
Ugana i Rwamagana cyangwa i Kibungo
Cyangwa ushaka gusura Ubuganza
Ako karere kifashe neza
Hashashe ibibaya ibisiza n'ibiyaga byinshi
Ku mupaka wa Tanzaniya ni itanganika
Muhazi nayo ntawe uhaga kuyirora
Hatuwe neza hateye neza
Abantu bariharurira imihanga yabo nta gahato
Cyakora kuri kaburimbo
Inzu idafite umurimbo irasamburwa irarimburwa.
Ibyo ni icyemezo cy'itegeko teka
Bikaba bitarahunganyije umutekano
Ariko hariya mu Mutara
No muri pariki Akagera
Twasanze ibyatsi byarumye n'amazi yarakamye
Inka ubu zirarumanga
Zikeneye kugisha zigize umugisha.
Umuco karande ntiwacitseyo burundu
Ingo twasuye zose zari zisusurutse
Baguhobera bagukanda babagirana urukundo
Niba mugirango ndabeshya
Mubaze Shyaka ambeshyuze
Ni we wantembereje aho hose
Antambagiza mu rwuri aho inka ze zirisha
Ahamagara umushumba ngo azimurike
Angabira inyana y'igaju
Vuba aha nzakura ubwatsi
Ntabwo ari ka gatutsi k'agaka kamwe
Nabonye afite ubushyo bushyitse
Yambwiye ko niba mfite aho nziragira
Yakongera akanyongera ishashi y'ibihogo
Anashatse agasubizaho imbyeyi n'iyo yonsa
Ndetse ko no kumpa umunani bitamunanira
Ndarahiye ko nzajya murahira mwirahira mudahirira

Uyu mugabo ni imfura
Ni we biganza bigaba amariza
Ahandi hagifite isura
Kubera ko ubwato bwahakize umuhengeri
Ni akarere ka Ruhengeri
Biriya birunga Sabyinyo Karisimbi na Muhabura
Ntibyishwe n'irungu
N'abantu baho baracyirira ibirunge
Ntawe urwara ikirungurira.

V

Uvuye i Bwanacyambwe ujya i Bwanamukare
Aho ho ni ibindi bindi
Bizafata igihe ngo aho hantu
Have ikuzimu hajye ibuntu
Ari mu mitima y'abantu ari n'aho hantu.
Harahindutse harahindana
Habaye igiputa haracupira
Ubutaka bwabaye ubutayu
Inzira zarasibamye
Imihanda iba ibisibage

Ya Mayaga mwari muzi
Yahimbazaga abahimbyi n'abaririmbyi
Bakayataka mu mivugo n'ibyvugog
Ba mukerarugendo bakahatambagira baharambagiza
Bakizana baje gusura peyizana
Ikawa ari uruyange
Utubande dushayayamo inyange
Amayaga wa mukobwa Germaine
Yaririmbaga atangira ati
« Mbese Amayaga murayazi
Ni ahantu heza cyane
Mu majyepfo y'u Rwanda... »
Yabaye iwabandi
Harazimye haba ikuzimu
Abantu babaye inzingo
Izo mbaga zimeze nk'mbagara
Imbavu zabo ubona nta mbaraga
Ku bagira imbabazi ubona bakeneye imbago
Ugeze muri uriya muhanda wo mu Ruhango
Mbere ko utangira gutambika Gatagara
Hanyuma ugakata ku Gasoro k'i Nyanza umanutse i Busoro
Ukajya Nyamiyaga na Nyamure
Kayanza na Kagunga

Ugasura Murinja, Muyira, Mututu na Mutima
Ukanyarukira i Shari mu Basharangabo
Na hariya mu Ruteme rw'Abajiji
Ukagana i Cyimvuzo n'i Cyotamakara
Ukagera i Muhero wa Gatarara
Ukareba Kibirizi Ntyazo Matara Mpanda na Mbuye
Urahagera ukazinukwa
Ukazunguruka uzengerezwa
Ukanigwa n'ikiniga
Amarira akabungabunga mu maso
Wakwibyiringira agashoka amatama akagutamaza
Ntihigeze hazanzamuka
Haracyameze uko Nzaramba yahasize
Amaze kuhadurumbya no kuhazambya
Mbere ko atorokera muri Zambiya
Abahaturuka batatanye
Nibatabaruke bahatabare.

Ya migezi mwari muzi
Yuzuraga ikarenga inkombe
Kwambuka ugakenera umusare
Nka Nyarubogo na Nyabasesera
Mwogo Rukarara na Sebeya
Agasasa Agatobwe n'Akavuguto
Yagiye nka Nyomberi
Ntiyanyonyombye yagurutse nk'indege
Iturubika nta nduru
Sinzi niba yaracitse kubera amaraso yanyoye
N'imirambo yayirerembagamo muri kirya gihe
Ikaba ifite ubwoba ko amategeko ayikurikirana
Cyangwa ari uguhunga abicanyi
Twese tuzi ko iyo migezi irengana
Kuko hari benshi yarengeye
Ni nayo mpamvu itigeze iregwa mu nkiko
Ntijyanywe muri gacaca
Kuko n'abagwagamo ikabatwara
Babaga bitwaye
Abashinjacyaha ntibashobora kuyicyaha
Kuko na ba ruharwa barekurwa
Bakidagadura bakidoga bakidegembya.

Abacikacumu bari muri utwo duce
Ahenshi usanga batagera no ku icumi
Kubacunaguza no kubacuza ubuzima
Byabaye umuco
Bazira igicumuro cy'uko bavutse ari abatutsi

Kandi icyo badashobora kucyicuza
N'ubu baracyicwa ku mugaragaro
Bakabagarika aho abantu babona
Ababica ntibihisha ubona ntacyo bishisha.
Abo banyabyago baratindahaye
Abandi usanga barakungahaye
Ku mirenge imwe n'i Kigali cya Nyarugenge
Hari benshi batunze ibya Mirenge
N'abandi bafite ibirenze
Hari n'abo ubukungu bwateye kurengwa
Baheshejwe na jenocide
Bibwira ko gutakaza igihumbi atari igihombo
Kandi batararengeye inzirakarengane
Usanga bambaye inshunda
Bafite byinshi baroha mu nda
Hamwe n'ibindi byo kurunda
Ariko ari ibyo kugundira
Abarokotse bo babuze n'amacunda
Bishumitse umugozi mu nda
Batuye mu bigunda
Barabaga mu ngo zitunze zinanitunze
Iwabo hatunganye
Cyakora ntibibabuze gukundana
No kugwana mu nda
Birababaje biteye agahinda
Kubona imbeho y'impeshyi
Ibatonganyiriza muri ayo matongo
Mu nguni z'inzu bigunze
Igituma urwa Gihanga rwagaruye uburanga
Rukarangwaho ubumanzi
Rukaba ari ikirangirire mu mahanga
None rukaba rugendwa
Mu mihanda imodoka zigahinda
Indege zikomeza kugwa i Kanombe
Ari mu gitondo ari ku mutaga
Zirunda ibintu zitunda abantu
Tubikesha iri rimburabwoko
Twagombye guhora turizikana
Abarizize ntibajye mu kuzimu
Maze nabo tukaborohereza ubuzima
N'ubwo bamwe bihangana bagahangana na bwo
Hari benshi bazonzwe n'inzara
Batakigira n'inzara zo kwishima
Kandi tutari muri ruzagayura
Twibuke ya ndirimbo y'Isamaza
Maze natwe tuyigire intero

Tugarure ubumuntu tugire ubuntu.

Bariya bagize uruhare
Mu guharabika igihugu
No guhamura abo bagize imfubyi
Cyangwa bahekuye
Ntibibeze bava ku izima
Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge
Bahora babigisha
Yanze kubacengera
Urwango rwanze kubava mu nda
Ubanza ubwonko bwaramunzwe
Izo ntagondwa umuganda n'ingando ntizibikangwa
Ziribanda mu gutoza rubanda kuganda
Kwigisha urukundo ku batarukunda
Ni uguhoma ibiva
Cyangwa kuvomera mu rutete
No guta inyuma ya Huye
Bashyize ibiti mu matwi
Na n'ubu iby'ubugambanyi barabyigamba
Izo ntabikangwa zemera amahame
Ko igihugu kitazagira amahoro
Igihe abacikacumu bakiriho
Nk'uko urya munyamategeko byamuhanye
Nta muntu urinze gutanga ubuhamya

Muri ako karere abacikacumu
Barakomeza kwicwa ku manywa y'ihangu
Dore nko muri uyu mwaka
Abacikacumu cumi na batanu
Bongeye kwicwa urw'agashinyaguro
Ibitangazamakuru bibicaho
Ababacumise amacumu
Gacaca ntiyabikurikirana
Iricekera iraruca irarumira
Nkaho kubica atari igicumuro
Sinzi abarinze umutekano
Icyo barindiriye ngo babarinde
Kuko nibitonda mu kwihutira kubarinda
Bazashira dondidondi
Nka ya nkoni y'umwana.

Igihe tujya gusura icyobo cy'ibisigazwa
By'imirambo y'abacu babonetse
Ababishe bameze nk'abo babashumuye
Bashiguka baza gushungera no gushinyagura

Amaso bayatunuye batureba ikijisho
Mu gahanga imitsi yareze
Imeze nk'igiye guturika
Ishavu ribashengura bashavujwe n'uko tutashize
Iyo tutagira Rwigara na Kaberuka
Kuko twe tutahaherukaga
Hari kuvuka ibikorwa
Bitubyarira ibyago.

Tujya mu Bashumba Nyakare
Hariya hirya y'i Mvejuru
Hasigaye naho hitwa Nyaruguru
Kureba amatongo y'aho umukecuru aturuka
Nyina umubyara yitwaga Nyiraruhimbi
Hariya i Bunge mu Benebwimba
Naho barahumbahumbye
Nta wazize imbunda bicishijwe imbugita
Ho nta rimbi barabarimbuye babata mu mabimba
Barangije akazi babyina ikinimba
Twahuye n'abantu ntavuga ko ari ibirumbo
Ariko ubona ko ntaho batandukaniye n'ibisimba
Baratubonye batangira kuvugira mu matamatama
Ngo inyenzi ntaho zijya
Barazica ntizishira
Iyo tutabwira umusare ngo atsimbure
Ntawari kurusimbuka
Ngo ijoro ribara uwariraye
Murabaze Muvunanyambo Mama Tanguy na Matilida
Ni bo twazengurukanye aho hose
Twagarutse dusenga twigensera
Ubundi bari kudushimuta bakadukubita amashoka

Igihe tujya i Murambi
Kureba amagufa y'imirambo
Ibihumbi n'ibihumbagiza byatawe mu byobo
Hariya i Gikongoro itigeze igira inkomyi
Mu kuba iya mbere ku murongo
Gutangira kwica no kurema inkongi mu ngo z'abatutsi
Aho inkongoro n'ibikona byameze ingoto n'ibirokoroko
Inzara zikaba inkota kubera kurya abantu
Bamwe mu bahatuye baratubonye barabisha
Batangira kwishima mu ruhara
Bagira umushiha bashinyika amenyo
Ibyo bafite mu ntoki bagashishimura
Bamwe bagira isereri basesa urumeza
Abandi barwara isepfu kubera iseseme

Bavuga ko Abatutsi bameze nk'imbwa
Badashobora kubaho batabonye amagufa
Aho duciye ibintu biracika
Abatubonye bagacira hasi
Baracyibwira ko tudafite agaciro
Bashakaga kuducura inkumbi
Bakaducocagura bakaducagagura
Mbere ko baduca umutwe
Abo bantu ntibatuzi natwe ntitubazi
Ntacyo dupfa yenda tugira n'icyo dupfana
Nta nzigo twari tubafitiye cyangwa inzika
Twagize ibibazo tudafitiye ibisubizo
Bashakaga kuduhera iki
Kandi tutari twaje kwihorera
Hashize imyaka cumi n'ine baducuze inkumbi
Ntibacururuka ngo bacurike amacumu !

VI

Uyu muvugo si icyivugo cyangwa igisigo
N'abatari abasizi sinabasize
Ntibakeneye ibisobanuro no gusigurirwa
Cyakora intera n'intego biranyuranye
Biranyuranamo kubera ko bihuje ingingo
Bigatuma mu nteruro zimwe injyana n'amajwi bitajyana
N'ubwo muvugo wivuze mu myato
Ukanga kuba iningwa
Inganzo ntiyanganje
Ibyo byo yari yantwaye
Yarahiye kutandekura
None ndayikuye
Nayikwepye nyica mu biganza
Jye nashakaga gusogongeza abari ku isonga
Yo ikifuza ko bese bashira inyota

Hariya mu Rwanda rwa Gasabo
Haracyari ibibazo by'insobe
Ariko turacyafite amasonga mu basore
Kuko dusobetse imbaraga
Byinshi twashobora kubisobanura
Gufasha ziriya ndushyi ntibiruhije
Si imbaga ni imbarwa
Ni ukubafasha kwifasha
Kububahira ubuzima nabo bakabaho
Ntibiruhije kubigeraho
Ubushobozi burahari ubushake ni bwo buke

Biteye ikimwaro
Kubona ntacyo tubamariye
Iyo tumaze kunamura icyunamo
Twibuka abacu bacujwe ubuzima ari bazima
Twibwrra ko uwo muhango uhagije
Kandi ikindi cy'ingenzi twakagize umugenzo
Kitagira ikigisumba n'ikigisimbura
Ari ukurengera abarusimbutse
Uwabaje imitima y'abanyarwanda ntiyayiringaniye
Hari abashaka kuturangaza ngo barwangize
Hari abahawe imidende mu kurudindiza
N'abakomeza guhumbera no gucana amacakubiri
No gutera urwanganu mu runganu
Hari abadasiba kurusahura
N'abandi bafite imigambi yo kongera gushoza intambara
Ariko natangajwe nanezererwa ko hari benshi bitanze
Bigatuma rwarashoboye kuva mu cyobo rwari rwahiritswemo
Rugashiguka rugatera intambwe rukaba rwigeza ku irembo
Mureke twese duhaguruke turuherekeze muri uru rugendo
Rushyikane ishya n'ishyaka
Ubonye nk'ishyirahamwe ry'abapfakazi
Imishinga rigezeho kandi ntaho ryari rishingiye
Rikaba ritaracitse intege kubera intego
Byakatubereye urugero twese dushobora kugeraho
Hari n'andi yasa ingamba
Agambiriye kuruteza imbere
Aba bese batangiyeye uyu mugambi
Ntibinginzwe turabiringiye
Dushyire hamwe tubashyigikire.

Kanama, 2008